# RECOMMENDATIONS FROM THE CHILDREN'S ADVOCACY EVENT ON CLIMATE CHANGE ON 2 NOVEMBER 2024

To amplify children's and young people's voices in climate discussions at COP, and ensure their views on climate action are considered, Save the Children in partnership with UNICEF Rwanda held a Children's Advoicacy Event on Climate Change on 2 November 2024, at Lemigo Hotel, Kigali.

The event brought together children with and without disabilities from eco-clubs, National Children's Forum, refugee camps, and representatives of local and international organizations implementing child rights, environment and climate interventions, UN bodies and government institutions.

Below are the recommendations made by children and other participants from different child-based organizations.

| Kinyarwanda | English |
|---|---|
| Abana bagomba kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo mu ifatwa ry'ibyemezo mu kubungabinga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, mu nzego zose, kuva k'Umudugudu kugera ku rwego rw'igihugu ndetse no rwego mpuzamahanga cyane cyane bagira uruhare mu nama mpuzamahanga zihuza abafata ibyemezo. | **Children should be provided space to participate actively in contributing opinions in decision making processes on environment protection and climate change crisis, from community to national level, even at international space by attending decision making fora** |
| Gushyigikira no guteza imbere ibitekerezo ndetse n'imishinga y'abana igamije kubungabunga ibidukikije no kurwanya ingaruka n'imihindagurikire y'ibihe binyuze mu marushanwa mu mashuri y'ingeri zose. | **Supporting and promoting children-led initiatives aimed at environment protection and mitigation of effects of climate change, through national school competition at all levels** |
| Kongera imbaraga mu masomo ajyanye no kubungabunga ibidukikije ndetse n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu mashuri mu ngeri zinyuranye. | **To strengthen school curriculum on environment protection and effects of climate change course at all levels** |
| Uburenganzira bwo kwiga kuri buri mwana bugomba kubahirizwa kuko mu ishuri ni ho umwana abonera ubumenyi ku bijyanye no kurengera ibidukikije ndetse kurwanya ingaruka zishingiye ku mihindagurikire y'ibihe. | **The Right to education for every child should be respected as the school remains the only source of information on environment protection and effects of climate change for children** |
| Gushyiraho amahuriro yo kurengera ibidukikije mu mashuri y'ingeri zose hose mu gihugu hagamijwe gushishikariza no gutoza abana n'urubyiruko ibijyanye no kwita ku bidukikije no kurwanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Imikorere y'aya mahuriro igomba kugenzurwa buri gihe kugira ngo abashe kubakirwa ubushobozi mu kuyifasha kugera ku ntego zayo | **To create "eco-clubs" in schools of different levels to sensitise children and youth on environment protection and effects of climate change. "Eco-clubs" should be regularly assessed to build their capacity to fulfil their mission.** |

| | |
|---|---|
| Gushyiraho gahunda ya "One tree per Child" mu gihugu hose kandi buri mwana agashishikarizwa kwita ku giti yateye aho batuye. | **To set up a national "One Tree per Child Programme" and sensitive every child to cater for the tree they have planted** |
| Gushyiraho abakangurambaga b'ibidukikije b'urubyiruko kugira ngo bakangurire urubyiruko n'abaturage muri rusange ku kwita no kubungabunga ibidukikije ndetse no kugira uruhare mu kurwanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe binyuze mu nteko z'abaturage, mu nama ziba nyuma y'umuganda rusange wa buri kwezi ndetse no mu mahuriro y'urubyiruko. | **To create "Youth Community Environment Workers" for youth mobilisation and communities, in general, about environment protection and mitigation of effects of climate change, through weekly village gatherings, monthly community works, and existing youth structures** |
| Gushyiraho ikigega cyo gutera inkunga imishinga yo kurengera ibidukikije ndetse no kurwanya ingaruka z'imihindagukire y'ibihe cyane cyane imishinga n'ibikorwa y'urubyiruko mu gihugu hose | **To create a support fund for youth-let initiatives on environment protection and mitigation of effects of climate change** |
| Gushyiraho uburyo bunoze bwo gukurikirana imikoreshereze y'inkunga zitangwa mu gushyigikira ibikorwa byo kwita ku bidukikije no ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe. | **To put in place monitoring mechanisms of the use of support funds for environment protection and mitigation of effects of climate change** |
| Gushyiraho ikigega kihariye cyo kugoboka abagezweho n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe; hitabwa ku bana ku buryo bw'umwihariko kuko ari bo bagerwaho cyane n'ingaruka z'ibiza cyane cyane indwara, kubura ibiribwa ndetse no ku myigire yabo | **To create an emergency fund for the victims and survivals of climate change crisis, with special focus on children as they suffer most from the effects such as diseases, lack or shortage of food and disruption in schooling** |
| Gukoresha ikoranabunga mu kuburira abaturage ibiza bitaraba hagashyirwaho n'uburyo bwo kwakira abavuye mu byabo bahunga ibiza | **To use technology to create alert systems for the communities at high risk of climate-related emergencies while putting in place temporary shelters for the displaced** |
| Kongera imbaraga mu kwimura imiryango ituye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga. | **To strengthen the national relocation programme for communities at high-risk areas** |
| Gushora imari mu buhinzi bwihanganira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu gihugu hose; ibi bizatuma habaho kwirinda igabanuka ry'ibiribwa mu gihe habaye Ibiza | **To invest in climate change resisting crops across the country to prevent food crisis in case of emergencies** |
| Buri gikorwa cyangwa umushinga wo guteza imbere iterambere ry'uburengazira bw'umwana mu Rwanda ugomba kugaragaza uko uzagira uruhare mu kubungabunga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. | **Any initiative or project for the protection and promotion of child rights in Rwanda should demonstrate its role on environment protection and mitigation of effects of climate change.** |